RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
Plot N°.2, KN 3 AV
10th FLOOR, GRAND PENSION PLAZA
P. O. Box: 4276 KIGALI/RWANDA
Tel : +250786582957
E-mail : info@rppa.gov.rw

Kigali, kuwa 03 Oct 2016
N° 010/2016/2017-374/RPPA

Umugenga w'Ingengo y' Imali (bose),
.....

Impanvu: Kwemerera sosiyete nshya gupiganira amasoko ya Leta zitari ku rutonde rw'abashyizwe mu byiciro

Mu rwego rwo guha amahirwe abashoramari bashya na ba rwiyemezamirimo bafite amasosiyete akora imirimo y'ubwubatsi yafunguwe nyuma y'igihe cyari kigenewe kwakira abasabaga gushyirwa mu byiciro by'umwaka wa 2016/2017,

Haseguriwe ibiteganywa n'amabwiriza yo ku wa 07/07/2015 asaba inzego zitanga amasoko kubahirirza ibikubiye mu nyandiko igenga itangwa n'ikoreshwa ry'ibyiciro n'urutonde rw'amasosiyete yashyizwe mu byiciro ruboneka ku rubuga www.rppa.gov.rw ahavuga ko sosiyete idafite icyiciro ibarizwamo itemerewe gupiganira amasoko ya Leta.

Turamenyesha inzego zitanga amasoko ya Leta ko amasosiyete yose akora imirimo y'ubwubatsi afite ibyemezo bigaragaza ko yandikishijwe muri RDB nyuma yo ku wa 22/04/2016 yemerewe gupiganira amasoko yo mu cyiciro cya E mu mirimo yo kubaka ibidamu "construction of dams" na F mu yindi mirimo irebwa n'ibyiciro byatangajwe, bitabaye ngombwa ko aba ari ku rutonde.

Ibi bigomba kubahirizwa guhera umunsi iyi nyandiko ishyiriweho umukono kugeza ku wa 30 Kamena 2017, ubwo hazasoko urutonde ruzagenderwaho mu mwaka wa 2017/2018. Nyuma y'icyo gihe, sosiyete tumaze kuvuga, izaba itarashyirwa mu cyiciro izatakaza uburenganzira bwo gupiganira amasoko ya Leta.

Murakoze

SEMINEGA Augustus
Umuyobozi Mukuru

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi